ABESAMIHIGO BA KAMONYI NEWSLETTER

FEBRUARY 2024

# NYAMIYAGA: ABATURAGE BASHIMIWE URUHARE BAGIZE MU KWIYUBAKIRA STADE Y'IMIKINO.














Tariki ya 01 Gashyantare 2024 mu Kagari ka Ngoma Umurenge wa Nyamiyaga, habereye ibirori by'umunsi w'Intwari, ibi birori byitabiriwe n'Umuyobozi Mukuru wa LODA Mme Nyinawagaga Claudine ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo n'abagize inama y'umutekano itaguye y'Akarere.

Kuri stade ya Ngoma mu Kagari ka Ngoma Umurenge wa Nyamiyaga niho habereye ku rwego rw'Akarere ibirori byo kwizihiza Umunsi Mukuru w'Intwari z'Igihugu, tuzirikana insanganyamatsiko gira iti" ubutwari mu banyarwanda, agaciro kacu". Ibirori by'Umunsi Mukuru w'Intwari i Nyamiyaga byabimburiwe no gutaha ku mugaragaro stade yubatswe ku bufatanye bw'abaturage n'ubuyobozi; uruhare rw'abaturage ubwabo ruri ku gipimo cya 75%, indi nkunga ikaba yaratanzwe na LODA.

I Nyamiyaga Gahunda yaranzwe n'ubutumwa busingiza intwari z'u Rwanda, umukino w'umupira w'amaguru wahuje ikipe y'urubyiruko rw'Akarere ka Kamonyi (Kamonyi FC) n'Ikipe y'Ingabo z'Igihugu Brigade ya 411 ikorera mu Ntara y'Amajyepfo, ndetse na Athletisme. Umuyobozi wa LODA yashimiye abaturage ku bw'uruhare rwabo mu kubaka iyi sitade nziza ibereye ijisho, avuga ko mu nama azajya agirana n'abandi bayobozi azajya atanga urugero rwiza kuri Kamonyi kubera uko bakoresheje neza inkunga nto LODA yabahaye ibindi bigakorwa n'ubwitange bw'abaturage ubwabo.

Hatanzwe kandi ibyemezo by'ishimwe ku bagize uruhare bose mu migendekere y'iki gikorwa biganjemo abayobozi ku rwego rw'Umudugudu, Akaagari ndetse n'abafatanyabikorwa. Igikorwa cyashojwe n'ubusabane.

## HAKOZWE AMAHUGURWA KU MYITEGURO Y'AMATORA

Tariki 27 Gashyantare 2024, mu Murenge wa Gacurabwenge habaye amahugurwa y'Abagize Komite mpuzabikorwa y'amatora ku rwego rw'Akarere ka Kamonyi 'Umurenge n'Utugari mu mirenge yaGacurabwenge na Kayumbu.



Aya mahugurwa yatanzwe n'abakozi ba Komisiyo y'Igihugu y'amatora ku rwego rw'Igihugu yanitabiriwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kayumbu n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Gacurabwenge.



Hagarutswe ku mabwiriza agenga amatora ya Perezida wa Repubulika n'amatora y'abadepite, ingengabihe y'ibikorwa by'amatora, gukosora list y'itora





## HAKOZWE ISUZUMA RY'IMIHIGO RYAKOZWE NA NISR





Kuva tariki 22-26/02/2024 Itsinda ry'abakoz ba NISR Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare riyobowe na bwana Rukundo Ephrem ryakomeje ubugenzuzi bw'ibyagezweho mu mihigo y'Akarere uyu mwaka wa 2023/2024 (igihembwe cya I&II).

ku munsi wa mbere w'isuzuma hakozwe igenzura rya raporo z'ibikorwa ndetse hasuzumwa ubuziranenge bwazo n'uburyo zibitse. Iminsi yakurikiyeho, hasuwe imwe mu mishanga iri mu mihigo y'Akarere harebwa uko ihagaze.

Ku munsi wa nyuma w'igikorwa habayeho ikiganiro n'abagize komite nyobozi y'akarere n'Umuyobozi w'ishami ry'igenamigambi, bakomereje mu Mirenge ya Gacurabwenge, Musambira na Rukoma basura imwe mu mishinga iri mu mihigo y'Akarere.









# RUYENZI: HASHOREJWE AMARUSHANWA AMASHURI KAGAME CUP KU RWEGO RW'AKARERE











Ku cyumweru tariki 25 Gashyantare 2024 mu Karere ka Kamonyi kuri stade ya Ruyenzi, hashoje imikino y'amarushanwa Amashuri Kagame cup. Iyi mikino ya nyuma yahuje amakipe y' ibigo by'amashuri abanza n'ayisumbuye yitwaye neza ku rwego rw'Akarere. Imikino yakinwe ni: Umupira w'amaguru, Rugby, Imikino y'intoki (Volleyball, basketball, Handball na Netball).

Iyi mikino ikaba yashojwe hatangwa ibihembo ku makipe y'ibigo by'amashuri yatsinze imikino ya nyuma, ku bufatanye bwa FERWAFA n'ishyirahamwe ry'imikino mu mashuri, hanatanzwe imipira ya Football 340 yagabanyijwe ibigo by'amashuri byose mu Karere ka Kamonyi. Hanatanzwe imipira n'ibikoresho bya siporo byatanzwe na federation za siporo zitandukanye zo mu Rwanda.

Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere yashimiye inzego zose bafatanyije mu gukurikirana no kuyobora neza iyi mikino, yizeza ko ubwo bufatanye buzakomeza kandi bagaharanira iteka gutwara ibikombe.

Umuyobozi w'Akarere yasabye abana gukomeza gukuza impano zabo kuko bafite amahirwe menshi bakesha imiyoborere myiza y'u Rwanda, hashingiwe ku gushyiraho uburyo bwose bufasha urubyiruko gukunda imikino n'imyidagaduro.

Buri kipe y'Ikigo cy'ishuri yabaye iya mbere yahawe igikombwe n'imipira ya gukina kandi
ikazahagararira Akarere ka kamonyi mu mikino yo ku rwego rw'Intara y'Amajyepfo.

## HAKOZWE UMUGANDA RUSANGE USOZA UKWEZI KWA GASHYANTARE











Hirya no hino mu Midugudu yose tariki 24/02/2024 mu Karere uyu munsi hakozwe umuganda rusange usoza uku kwezi kwa Gashyantare 2024.

Ku rwego rw'Akarere uyu muganda wakorewe mu Murenge wa Mugina mu Kagari ka Mbati mu Mudugudu wa Mikamba. Ni umuganda witabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Dr.NAHAYO Sylvere aho yakoranye umuganda n'abaturage b'uyu Murenge hari kandi na VM Ushinzwe Imibereho myiza y'Abaturage Mme UWIRINGIRA M. Josée n'abandi bayobozi mu nzego z'umutekano.

Umuyobozi wa Polisi mu Karere Supt. Francis Karemera yifatanyije n'abanyeshuri bo muri GS Sancta Maria Umurenge wa Gacurabwenge mu Kagari ka Nkingo mu muganda wo gukora isuku mu Kigo no gutunganya ikibuga cy'imikino.

Muri rusange umuganda mu Karere wibanze ku gufata neza ibikorwaremezo by'imihanda, gucukura no gusibura imirwanyasuri, ndetse no kubakira abatishoboye.

Nyuma y'umuganda hatanzwe ubutumwa burimo kwitabira ibikorwa by'isuku n'isukura, kubungabunga ibidukikije, kurwanya imirire mibi, ababyeyi bikukijwe uruhare rwabo mu gutanga umusanzu wunganira Leta mu kugaburira abana ku mashuri.Hagarutswe ku gushishikariza abaturage guhinga ubutaka bwose kugira ngo dukomeze kongera umusaruro, abaturage bibukijwe kandi gahunda y'amatora ya perezida wa Repubulika n'amatora y'abadepite ateganyijwe tariki 15 Nyakanga 2024.

## HAKOZWE AMATORA Y'ABAHAGARARIYE ABAMOTARI MU KARERE







Tariki 20 Gashyantare 2024 mu Murenge wa Gacurabwenge, habereye amatora y'abagize inteko rusange y'abamotari (abatwara abagenzi kuri moto) ku rwego rw'Akarere. Iyi nteko igizwe n'abamotari 50 bakaba aribo bazitoramo komite izaba ihagarararariye abamotari muri koperative 1 yabo yo ku rwego rw'Akarere gusa.

Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Ubukungu bwana Niyongira Uzziel hari kandi abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge, umukozi w'ikigo cy'Igihugu cy'amakoperative Mme Nyirandagirwa Francine, inzego z'umutekano bitabiriye iki gikorwa cy'amatora.

Iyi gahunda yayobowe n'abakorerabushake ba komisiyo y'igihugu cy'amatora.





## ITANGAZAMAKURU RYAMURIKIWE IBYAGEZWEHO MU CYEREKEZO CY'IGIHUGU (NST1)

Tariki 19 Gashyantare 2024, habaye Uyu munsi mu Karere ka Kamonyi habereye umunsi wahariwe itangazamakuru (Media Day) witabiriwe n'abanyamakuru bakorera ibitangazamakuru bitandukanye birimo Radio, TV ndetse n'ibikorere kuri murandasi.

Igikorwa cyaranzwe mu gitondo n'ikiganiro n'abanyamakuru (press conference) kibanze ku byagezweho n'ingamba zo kwihutisha iterambere ry'Akarere ndetse hakurikiyeho gusura bimwe mu bikorwa byagezweho mu cyerekezo cyo kwihutisha iterambere ry'igihugu (NST1).





Iyi gahunda yayobowe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere, hari kandi umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe ubukungu bwana Niyongira Uzziel, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe imibereho myiza Mme Uwiringira Marie Josee, Perezida wa JADF bwana SEMUGAZA Tharcisse na Prezida wa PSF akaba n'umujyanama mu nama Njyanama y'Akarere bwana MUNYANKUMBURWA Jean Marie. Hari kandi abayobozi b'Imirenge n'inzego z'umutekano.





## HAKOZWE ISUZUMA KU IKORESHWA RY'INGENGO Y'IMARI YAGENEWE IHAME RY'UBURINGANIRE



Tariki 19 Gashyantare 2024, ku biro by'Akarere habereye igikorwa cyo gutangiza isuzuma ry'ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari yita ku ihamwe ry'uburinganire (Gender Budget Statement), iri suzuma rikaba ririmo gukorwa n'itsinda ry'abakozi b'Urwego rw'Igihugu rushinzwe kugenzura iyubahirizwa ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo mu Iterambere ry'Igihugu GMO (Gender Monitoring Office) bayobowe na bwana KAYOMBWA Albert.

Igikorwa cyitabiriwe na VM Ushinzwe ubukungu bwana Niyongira Uzziel, VM ushinzwe imibereho myiza, Umuyobozi w'Imirimo rusange mu Karere, n'abayobozi b'amashami ku Karere.

Harebwe uko ingengo y'Imari ya 2022-2023 yashyizwe mu bikorwa hitawe ku ihame ry'uburinganire ndetse n'ibirimo gukorwa muri uyu mwaka w'ingengo y'Imari wa 2023-2024 ndetse no gukusanya ibitekerezo byazashingirwaho mu gutegura ingengo y'imari yubahiriza ihame ry'uburinganire mu mwaka wa 2024-2025.



## HAKOZWE IBIGANIRO MU RUBYIRUKO KU GUKUMIRA JENOSIDE







Tariki 16 Gashyantare 2024, Urubyiruko ruhagarariye abandi baturutse mu Mirenge itandukanye, bateraniye ku biro by'Akarere mu biganiro ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994; banagezwaho ikiganiro kuri gahunda ya "Ndi Umunyarwanda".



Iyi gahunda yateguwe ku bufatanye Ibi biganiro n'uru rubyiruko byatanzwe na Hon. Senateri Murangwa Hadidja afatanyije na Hon.Minani Deogratias bagize Ihuriro AGPF mu Nteko Ishinga amategeko rifite inshingano zo gukumira Jenoside ihakana n'ipfobya rya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Gahunda yitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere, Perezida wa Ibuka mu Karere bwana Benedata Zacharie n'umuyobozi w'Umuryango Mizero Care Organization bwana Irene Mizero. Uru rubyiruko rwasabwe kwimakaza imibanire izira amakemwa kandi bakagira uruhare mu guharanira ineza y'igihugu birinda amacakubiri ahubwo bakimika urukundo mu muryango nyarwanda.





# INAMA NJYANAMA Y'AKARERE YEMEJE INGENGO Y'IMARI Y'AKARERE IVUGURUYE



Tariki 16/02/2024 Ku cyicaro cy'Akarere uyu munsi habereye inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Kamonyi iyobowe na bwana Nyoni Emilien Lambert Perezida w'Inama Njyanama.



Muri iyi hagarutswe ku Kwemeza Ingengo y'Imari y'Akarere ivuguruye y'uyu mwaka w'ingengo y'imari 2023/2024, abajyanama banemeje gahunda ivuguruye y'Itangwa ry'amasoko y'Akarere aho hiyongereyemo amasoko 2 ku yari isanzwe.



Hanaganiriwe kandi ku myiteguro y'umwiherero w'abagize inama Njyanama y'Akarere, ukazatumirwamo abayobozi b'Imirenge, ba Perezida b'Inama Njyanama z'Imirenge, abayobozi b'amashami ku Karere n'Umuyobozi w'Ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu iterambere ry'Akarere.



## MU GISHANGA CYA MPOMBORI HATANGIRIJWE IGIHEMBWE CY'IHINGA 2024B

Tariki 14/02/2024 Mu gishanga cya Mpombori giherereye mu Murenge wa Nyarubaka, niho hatangirijwe ku rwego rw'Akarere gutangiza ku mugaragaro igihembwe cy'ihinga cya kabiri 2024 (Season B 2024). Abitabiriye bibanze ku gutera ibigori muri iki gishanga kuri ha 3.5.

Igikorwa cyitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe ubukungu bwan Niyongira Uzziel, abagize inzego z'umutekano mu nama y'umutekano itaguye y'Akarere, umukozi wa RAB, abafatanyabikorwa (YEAN, BK, RUMBUKA), ingabo z'igihugu n'abahinzi bakorera muri iki gishanga.

Abahinzi basabwe kwihutisha igihembwe cy'ihinga cya kabiri 2024 (Season B 2024) no gusarura vuba ibigori byahinzwe mu gihembwe gishize, basabwe kandi gushyira imyaka mu bwishingizi









## HAKOZWE INAMA KU MIKORERE Y'IBYAMBU MU KARERE







Ku cyicaro cy'Akarere hateraniye inama yayobowe n'umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe imibereho Myiza Mme Uwiringira Marie Josee.

Ni inama yatumiwemo abatwara abagenzi mu mazi (umugezi wa Nyabarongo) bakoresheje amato, ibi biganiro bikaba bigamije kurebera hamwe imikorere y'ibyambu n'umutekano w'abantu n'ibintu byabo mu ngendo bakora bifashishije umugezi wa Nyabarongo, (by'umwihariko kureba niba abakora aka kazi bafite ibyangombwa n'ubwishingizi ku bantu batwara).

Inama yitabiriwe n'Umuyobozi wa Polisi mu Karere Supt. Francis Karemera n'umuhuzabikorwa wa DASSO mu Karere bwana KAYITAKIRE Theogene.

Mu nama hagarutswe kubyo aba batwara abagenzi mu mazi bagomba kwitwararika hagamijwe gukumira impanuka za hato na hato zitwara ubuzima bw'abantu.





## HAKOZWE INAMA Y'UMUTEKANO YAGUYE Y'AKARERE





Tariki 8 Gashyantare 2024 ku gicamunsi, Umuyobozi w'Akarere Dr. NAHAYO Sylvere yayoboye ku cyicaro cy'Akarere inama y'umutekano yaguye y'Akarere.

Ni inama yitabiriwe n'Umuyobozi wa Polisi mu Karere, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe imibereho Myiza Mme UWIRINGIRA Marie Josee, Umuyobozi w'Imirimo rusange mu Karere, abakuriye inkeragutabara mu Mirenge, abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge, n'abahuzabikorwa b'Urwego rwa DASSO mu Mirenge.

Mu izina ry'Umuyobozi wa Polisi mu Karere ka Kamonyi, Umuhuzabikorwa wa DASSO mu Karere bwana KAYITAKIRE Theogene yagejeje ku bitabiriye uko umutekano wifashe hibandwa ku byaha byagaragaye kuva mu kwezi ku Ukuboza kugeza Gashyantare 2024.

Abitabiriye biyemeje ubufatanye nk'inzego zibishinzwe bwo gukomeza gukumira ibyaha no kurinda umutekano w'abantu n'ibintu byabo, hagarutswe ku mikorere y'irondo n' imicungire yaryo, ikemurwa ry'ibibazo bibangamiye imibereho y'abaturage.








# KOMISIYO Y'UBUKUNGU YASUYE IMISHINGA Y'ITERAMBERE MU MIRENGE YA RUNDA NA NGAMBA








Mu rwego rwo gukurikirana no kujya inama ku ishyirwa mu bikorwa rya gahunda za Leta, tariki 27 Gashyantare 2024 abagize komisiyo y'ubukungu mu Nama Njyanama y'Akarere iyobowe na Mme Mukakalisa Anatholie basuye ibikorwa bitandukanye mu Mirenge ya Runda na Ngamba .

Abajyanama bagiye gukemura ikibazo bagejejweho n'abaturage muri Bishenyi, basuye umuhanda wa Gihara-Nkoto bareba aho imirimo igeze, basuye n'ahari kubakwa urugomero rw'amashanyarazi ku mugezi wa Nyabarongo mu Murenge wa Ngamba.

Muri uru ruzinduko abajyanama batanze inama zo gukomeza kwihutisha imishinga yagezweho kandi ibikorwa bigasigasirwa kugira ngo bibashe kugirira akamaro abaturage.

Ku birebana n'ikemurwa ry'ibibazo by'abaturage by'umwihariko ibifatiye ku mikoreshereze y'ubutaka, hasabwe ko komite nyobozi yakomeze gukurikirana ko hatagira umuturage urengana kubera ko yagize ikibazo na mugenzi we gishingiye ku mbibi ariko hagakurikizwa igishushanyo mbonera cy'imiturire n'imikoreshereze y'ubutaka.




**Bikozwe na:**

**Faustin NTAKIRUTIMANA**
**"PR & Communications"**